FPR INKOTANYI

# FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS-INKOTANYI

## IMYANZURO Y'INAMA YA BIRO POLITIKI Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI YATERANYE KU ITARIKI YA 17 NYAKANGA 2026

Kuwa Gatanu tariki ya 17 Nyakanga 2026, ku cyicaro gikuru cy'Umuryango FPR-Inkotanyi i Rusororo, mu Karere ka Gasabo, hateraniye Inama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-Inkotanyi iyobowe na Nyakubahwa Kagame Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-Inkotanyi.

Kuri gahunda y'inama hari ingingo zikurikira:

1. Ijambo ry'ikaze ry'Umunyamabanga Mukuru wa FPR-Inkotanyi.
2. Ijambo ritangiza inama rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-Inkotanyi.
3. Ibiganiro ku nsanganyamatsiko igira iti: **"Gusigasira Icyerekezo cy'Umuryango FPR-Inkotanyi mu myaka 30 iri imbere".**
4. Ijambo risoza inama rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-Inkotanyi.

Mu ijambo rye, Nyakubahwa Kagame Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-Inkotanyi, yibukije ko iyi nama ari umwanya wo kwisuzuma dushingiye ku bipimo bifatika, kwishakamo ibisubizo nk'Abanyarwanda, gufata inshingano tukagena ahazaza h'Igihugu cyacu kandi buri wese akabigiramo uruhare mu byo akora n'aho akorera.

Yibukije kandi ko Politiki ya FPR-Inkotanyi ari ugushaka ibisubizo by'ibibazo Igihugu gihura nabyo, duharanira kwigira no kwihesha agaciro, duharanira kubaka Igihugu gifite ubudaheranwa n'ubudahangarwa, buri Munyarwanda yibonamo kandi yishimiye.

Yashimiye abakora neza, ariko asaba abayobozi mu nzego zose kwita ku nshingano uko bikwiye, gufatanya n'abaturage mu gukemura ibibazo byabo no gutanga serivisi zinoze kandi zihuse.

Yibukije abakiri bato ko u Rwanda rubatezeho byinshi, abasaba guhitamo neza no gufata inshingano hakiri kare, zo kugena ahazaza h'Igihugu aho gutegereza ko hari uzabibakorera, bityo bakaba bagomba kugira uburere bushingiye ku muco wacu, ubumenyi n'ubuzima bwiza, birinda ingeso mbi zabangiza nko gusesagura no gusamara, ubunebwe, ubusinzi n'ibiyobyabwenge.

Yakanguriye abanyamuryango kugira ubutwari bwo kwanga no kutihanganira ikibi, kudacika intege mu gushaka ibisubizo no guhangana n'ingorane zituruka hanze, twirinda izo twakwitera.

Yagarutse ku bibazo byo mu karere, ashimangira ko ibyo bibazo bitagomba kwitirirwa u Rwanda ahubwo byakemurwa mu bwubahane, mu buryo burambye hashingiwe ku nkomoko muzi yabyo, bidashingiye ku nyungu za bamwe gusa.

Abitabiriye Inama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-Inkotanyi, bamaze kungurana ibitekerezo ku ngingo zari kuri gahunda y'Inama, biyemeje ibi bikurikira:

1. Gukomeza gushingira ku ntekerezo n'amatwara by'Umuryango FPR-Inkotanyi mu kuyobora gahunda z'iterambere ry'Igihugu, guharanira kwigira no kwihesha agaciro, twubaka Igihugu gifite ubudaheranwa n'ubudahangarwa, buri Munyarwanda yibonamo kandi yishimiye.

2. Gusigasira ibyagezweho mu kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda, imiyoborere ishyira umuturage ku isonga; kutirara no guharanira agaciro n'ishema by'Umunyarwanda.

3. Gushishikarira kwishakamo ibisubizo no guhanga ibishya dushingiye ku muco nyarwanda, ku mutungo bwite w'Igihugu, ikoranabuhanga no gukotana, hagamijwe kugera vuba ku iterambere twifuza.

4. Guhangana n'ingaruka z'ibibazo (resilience) bituruka hanze, byaba ibiri rusange cyangwa iby'umwihariko ku Rwanda no kwirinda ibyo twakwitera ubwacu.

5. Kubaka umuco wo kureba kure no kubaka ubushobozi bw'urubyiruko by'umwihariko, hagamijwe ko rutinyuka guhanga ibishya no kubyaza umusaruro amahirwe ariho mu Gihugu, mu karere n'ahandi.

6. Kongera imbaraga mu guteza imbere uruhare rw'urubyiruko kugira ngo rurusheho gufata inshingano zo gusigasira umurage w'Umuryango FPR-Inkotanyi, bituma u Rwanda rukomeza kugira ijabo n'ijambo mu ruhando mpuzamahanga.

7. Urubyiruko rwiyemeje kugira uruhare muri gahunda z'iterambere binyuze mu guhanga ibishya, kubaka ubumenyi n'ubushobozi, kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda hagamijwe kwiteza imbere no kubaka u Rwanda twifuza.

8. Abari mu nama biyemeje kuzamura ireme ry'Umunyamuryango wa FPR-Inkotanyi, kunoza imikorere n'imikoranire no guhora bisuzuma bashingiye ku bipimo bifatika, kugira ngo bagere ku bisubizo byubaka u Rwanda twifuza.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 17 Nyakanga 2026**

FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS
RPF
INKOTANYI
B.P. 195 KIGALI
INKOTANYI

**Amb. Christophe Bazivamo**

**Umunyamabanga Mukuru**